	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbutu mu Rwanda	Kode y'inwandiko: 41KR146I155v0
	IGICE CYA 4: UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inwandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO : Amasaka		Inwandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inwandiko	Projet AFSR
-----------------------------	-------------

Itariki inwandiko yasohoyeho	Ukwakira 2007
-------------------------------------	---------------

Umubare w'amapagi	4
--------------------------	---


IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO (semences certifiées)



Amasaka (Sorghum bicolor L. Moench)



Amasaka Kigufi



1. AHO AHINGWA

1.1. Akarere :

Amasaka ni igihingwa cyera mu turere dushyuha. Akunda ahantu hari muni ya m 2000, naho ahandi atinda kwera.

1.2. Ubutaka :

Amasaka akunda ubutaka bw'ibumba ry'urusenye (argilo-sableux).

1.3. Umurima ahingwamo:

- Nyuma yo gutera urangwa n'icyapa cyanditseho : izina ry'imbuto, itariki itereweho, ubuso, ikicro cy'imbuto zisarurwa, na numero iranga umuhinzi n'umurima.
- Kwirinda imirima yajemo amahundo y'ibindi byatsi n'iyajemo icyatsi cya Rwona (Striga).
- Kwirinda na none imirima yafashwe n'indwara y'imvura (mildiou) n'ubwoko bunyuranye bw'inopfu mu gihe cy'imyaka itatu mbere y'itera.
- **Intera iwutandukanya n'indi mirima:** m 100 uvuye ku mirima ihinzemo ubundi bwoko bw'amasaka.

2. UKO ASIMBURANA N'IBINDI BIHINGWA

Umurima uhingwamo amasaka ugomba kuba udaheruka guhingwamo amasaka nibura mu gihe cy'ihinga kimwe. Amasaka akurikira ibinyamisogwe (kwirinda soya niba hashobora kubaho Striga) cyangwa ibinyabijumba.

3. IBIRANGA AMOKO ABONEKA MU RWANDA

UBWOKO	IBIBURANGA					
	Ibara ry'impeke	Igihe yerera (iminsi)	Umusaruro (Toni/ Hegtari)	Akarere ahingwamo	Kwihanganira umuyaga	Icyo ikoreshewa
Ikinyaruka	umutuku	100-120	3-3,5	BA, MA	Ntacyo ubutwara	Bo, P, Br
5DX 160	Ikigina	120-140	3	BA, MA	Ntacyo ubutwara	Br
Kigufi	Umutuku	120	4	BA, MA	Ntacyo ubutwara	Bo, P, Br
Kat 369	Umweru	100-120	2-3	BA, MA	-	Bo, P
IS 21 219	Umweru	150	4	BA, MA	Ntacyo ubutwara	Br
Tura	Umutuku	160-180	3,8	BA	-	-
Amasugi	Umutuku	160-180	4	MA	Ntacyo ubutwara	-
SVR 157 (Kebo)	Umutuku	160-180	3,5	BA, MA	Bwihanganira umuyaga buke	Br

BA : Imisozi migufi ; MA : Imisozi iringaniye ; Bo : Igikoma ; P : Umutsima ; Br : Inzoga

4. UBURYO IMBUTO ZIHINGWA

4.1. Itera

- Hakoresha **imbuto shingiro** zo mu mufungo umwe zabanje guterwamo umuti witwa Super Homai (g 5 ku kiro) cyangwa Fernasan D (g 3 ku kiro) cyangwa imvange ya Thiram g 2 ku kiro na Benlate g 1 ku kiro.
- Igihe cyo gutera: mu misozi iringaniye n'imigufi: Muri Mutarama ku mbuto zitinda kwera no muri Gashyantare ku mbuto zera vuba; mu misozi miremire: mu mpera za Kamena no mu ntangiriro za Nyakanga.
- Igipimo cy'imbuto: Ibiro 5 - 10 by'imbuto kuri hegitari imwe.
- Umwanya hagati y'ibihingwa: cm 70 hagati y'imirongo; gusiga cm 20 hagati y'amasaka abiri nyuma yo kwicira.
- Ubujoyakuzimu: cm ± 2 bitewe n'imiterere y'ubutaka.

4.2. Ifumbire no gutunganya umurima

- Kunyanyagiza toni 15 kugeza kuri 20 z'ifumbire y'imborera kuri hegitari imwe mu gihe cy'isanza bitewe n'uko ubutaka bwagundutse n'uko bumeze.
- Gushyira mu migende cyangwa mu myobo ibiro 110 by'ifumbire ya DAP kuri hegitari hagakurikiraho ibiro 80 by'ifumbire ya Ire kuri hegitari mu gihe cyo kubagara no gusukira.

4.3. Kubagara no gukuramo izindi mbuto zidakenewe

- Ibagara rikorwa ibihingwa bigejeje cm 10 z'uburebure (iminsi nka 30 nyuma yo gutera).
- Ibagara rya kabiri rikorwa haterwa ifumbire ya Ire ibiro 80 kuri hegitari, hagakurikiraho kwicira bikorwa ibihingwa bigejeje nka cm 20 kugeza kuri 30 z'uburebure (iminsi nka 60 nyuma y'itera).
- Gusukira bikorwa ibihingwa bigejeje cm 30 kugeza kuri 40 z'uburebure kugirango imizi yo hejuru imere, kandi bifashe igihingwa kudahirikwa n'umuyaga.
- **Kuvanamo izindi mbuto** ni ngombwa kugira ngo harwanywe izitandukanye n'izihingwa cyane cyane ibihingwa bifite indwara zikwirakwizwa n'imbuto, nk'indwara y'imvura (mildiou), inopfu y'amahundo n'urugombyi (ergot) rw'amasaka.

4.4. Igenzurwa ry'umurima

- Igenzurwa rya mbere rikorwa mbere y'iterera kugira ngo hagenzurwe uko umurima watandukanijwe n'iyindi.
- Igenzurwa rya kabiri rikorwa igihe impeke zirimo gukomera kugira ngo bamenye ko harimo indwara zishobora gukwirakwizwa n'imbuto kandi ngo banamenye ko ibiranga ubwo bwoko bihari.
- Ingero ngenderwaho ziteganywa: Ubundi bwoko bw'amasaka butemewe (ubundi bwoko, ay'imvange, atemewe) ntibugomba kurenga 2%, ayafashwe n'indwara zikwirakwizwa n'impeke (Mildiou, inopfu) ntagomba kurenga 2,0%.

4.5. Kurwanya indwara n'ibikoko byangiza

- Gukoresha uburyo burinda inopfu (Sphacelotheca sorghii, S. cruenta, S. reiliana) : gutera imbuto umuti urwanya indwara y'ibihumyo mbere yo gutera imbuto (g 5 ya Super Homai ku kiro), gukuramo ibihingwa byafashwe bigatwikwa mbere y'uko bikwirakwiza uturabyo (spore), gukoresha ubwoko budafatwa n'inopfu no gukurikiranya neza ibihingwa.
- Gutera umuti urwanya nkongwa n'ubuhunduguru inshuro 2 hakoreshejwe nk'uwitwa Thiodan 35 EC cyangwa Soumithion 50 EC (cyangwa Diméthoate 40%EC) nyuma y'ibyumweru bitatu bikurikira kumenera, hagaterwa litiro 1,5 kuri hegitari.
- Kurwanya ibyatsi bya Rwon (S. asiatica, S. forbesii, S. hermonthica) : gukurikiranya neza ibihingwa no kurandura ibyatsi bya Rwon mbere y'iterera.
- Kurinda inyoni igihe impeke zitangiye kuma.

5. GUSARURA, KWANIKA, GUTORANYA NO GUHUNIKA

- Iyo amahundo yeze, aratemwa, akanikwa iminsi mike, hanyuma agahurwa. Amahundo y'ubundi bwoko avanwamo.
- Kwanika amasaka kugeza yumye neza no kuyatera umuti wa Actellic 2% g 1 ku kiro cy'imbuto; gupfunyika imbuto no komekaho udupapuro twanditseho ibi bikurikira: izina ry'imbuto, igihe yerera, umusaruro, aho ihingwa, nomero y'umufungo w'imbuto n'ibiro.
- Uzuza kandi woherere uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**.
- Kugenzura kenshi niba harimo imungu;
- Imifuka igomba kuba itondetse ku buryo ugenzura ashobora kuyigeraho yose.

6. IBIPIMO NGENDERWAHO BY'UBUZIRANENGE

Umufungo w'imbuto z'amasaka zifite icyemezo ugomba kuba wujuje ibipimo ngenderwaho bikurikira:

- Ubwimerere bw'ubwoko (kutavangwa n'andi moko) ntibugomba kuba ku gipimo kiri muni ya 98%;
- Ikigereranyo cy'ibihingwa byafashwe n'indwara za mildiou n'inopfu ntikigomba kurenga 5%.
- Ubwimerere bwihariye ntibugomba kujya mu nsi y'ibiro bingana na 98% ;
- Imbuto z'umwimerere zishobora kumera ntizigomba kujya muni ya 75%;
- Ubuhehere ntibugomba kujya hejuru ya 13%.

7. IBIJYANYE N'UBUKUNGU

Igiciro cy'ibikorwa (<i>kuri hegitari</i>)		Ingano	Igipimo	Igiciro kuri buri gipimo (FRw)	Igiciro cyose hamwe (FRw)
Abakozi		500	Umubyizi	500	250000
Imbuto		10	Ikiro	500	5000
Ifumbire y'imvaruganda					
	DAP	110	Ikiro	345	37950
	Ire	80	Ikiro	305	24400
Imiti					
	Thiodan	3	Litiro	11000	33000
Igiciro cyose (FRw/hegitari)					350350
Umusaruro					
Umusaruro ku mbutu (FRw/hegitari)		2500	Ikiro	300	750000
Inyungu (FRw/hegitari)					399650
Igicuruzo (FRw/Kg)					140

Icyitonderwa: Iyo hatewe toni 20 z'ifumbire y'imborera kuri hegitari (iyo umurima wagundutse), igicuruzo kiva ku mafaranga 140 ku kiro kikaba 220 ku kiro.

8. ICYITONDERWA CYA NYIRUBWITE

AMASAKA : Uko ahingwa

Umunsi

